# Ntimukagiririrane amashyari, ntimukazamuriraneho ibiciro mutagambiriye kugura, ntimukanagiririrane inzangano, ntimukanacane umubano, kandi bamwe muri mwe ntibakagereke igiciro ku gicuruzwa cyaguzwe na bagenzi babo, kandi mujye muba abagaragu ba Allah b'abavandimwe

Hadith yaturutse kwa Abu Hurayrat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Ntimukagiririrane amashyari, ntimukazamuriraneho ibiciro mutagambiriye kugura, ntimukanagiririrane inzangano, ntimukanacane umubano, kandi bamwe muri mwe ntibakagereke igiciro ku gicuruzwa cyaguzwe na bagenzi babo, kandi mujye muba abagaragu ba Allah b'abavandimwe: Umuyisilamu ni umuvandimwe w'umuyisilamu mugenzi we, ntamuhuguza cyangwa se ngo amugambanire, nta musuzugura, kandi ugutinya Allah kuba aha;" nuko yerekana ku gituza cyayo inshuro eshatu, " bihagije kuba ari bibi kuba umuyisilamu yasuzugura umuvandimwe we w'umuyisilamu, buri muyisilamu kuri mugenzi we ni ikizira kumena amaraso ye, no kwigabiza umutungo we, no kuvogera icyubahiro cye."
[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yatanze impanuro z'uburyo umuyisilamu akwiye kubanira umuvandimwe we amukorera ibyiza, inagaragaza bimwe mu byo ategetswe kumukorera n'imyifatire ikwiye kumuranga; no muri byo: Impanuro ya mbere: Kutagiririrana amashyari, nko kuba bamwe bakifuza ngo ingabire za bamwe zibaveho aribo zijyaho. Impanuro ya kabiri: Kutagereka igiciro cy'igicuruzwa atagamije kukigura mugenzi we yashimye akacyishyura, agamije kungura umucuruzi cyangwa se kubangamira umuguzi. Impanuro ya gatatu: Kutagiririrana urwango, nko gushaka kugiririrana nabi, bikaba ari ikinyuranyo cy'urukundo, usibye igihe urwo rwango rugizwe kubera Allah Nyir'ubutagatifu, aha ruba rubaye itegeko. Impanuro ya kane: Kudaterana umugongo no kudashaka gutega amatwi mugenzi wawe. Impanuro ya gatanu: Bamwe muri mwe, ntibakagereke igiciro cy'igicuruzwa bagenzi babo bishyuye nko kuba umwe muri bo yavuga ati: Mfite ikimeze nkacyo gihendutse ku kirusha, cyangwa se cyiza kikiruse. Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irangije ijya inama rusange igira iti: Mujye muba nk'abavandimwe mureke ibibujijwe, murangwe n'urukundo n'ubworoherane n'ubufatanye mu byiza, no kurangwa n'umutima ucyeye no kugirana inama mu bihe byose. No mu bikomeza ubwo buvandimwe ni: Nuko umuyisilamu adakwiye guhuguza mugenzi we cyangwa se ngo amugirire nabi. Nuko adakwiye guterer ana mugenzi we ngo ahuguzwe kandi ashoboye kugira

icyo yamufasha, no kumukiza ayo mahugu. Ntakwiye kandi kumusuzugura no kumutesha agaciro, kubera ubwibone. Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irangije isubiramo inshuro eshatu igaragaza ko gutinya Allah ari ku mutima, kandi ko ufite umutima utinya Allah bimuha kurangwa n'imico myiza, no gutinya Allah no kwitwararika amategeko ye, bituma adasuzugura umuyisilamu mugenzi we, kandi biramuhagije kuba byaba ari bibi gusuzugura umuvandimwe we w'umuyisilamu, kubera kumwibonaho. Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irangije ishimangira ko ibyo yari yavuze ko buri muyisilamu ari ikizira amaraso ye nko kumwica cyangwa se kumukomeretsa, cyangwa se kumukubita n'ibindi, n'umutungo we nko kuwumwambura bitari mu kuri, kimwe no kuvogera icyubahiro cye nko kumusebya no gusebya umuryango we.